# Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.


***A. Itegeko Ngenga/ Organic Law/Loi Organique***

**Nº 02/2015/OL. ryo ku wa 16/07/2015**
Itegeko Ngenga rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga nº 02/2010/OL. ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, Ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi..........................................3
**Nº02/2015/OL. of 16/07/2015**
Organic Law modifying and complementing Organic Law nº 02/2010/OL. of 09/06/2010 on the organisation, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee……………3
**Nº02/2015/OL. du 16/07/2015**
Loi Organique modifiant et complétant la Loi Organique nº 02/2010/OL.du 09/06/2010 portant organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité de Conciliateurs……………….3

***B. Iteka ya Perezida/ Presidential Order/Arrêté Présidentiel***

**N°47/01 ryo ku wa 16/07/2015**
Iteka rya Perezida rishyiraho Umuyobozi Mukuru......................................................................31
**N°47/01 of 16/07/2015**
Presidential Order appointing a Director General........................................................................31
**N°47/01 du 16/07/2015**
Arrêté Présidentiel portant nomination d'un Directeur Général………………………………..31

***C. Amateka ya Minisitiri w'Intebe / Prime Minister's Orders / Arrêtés du Premier Ministre***

**N°119/03 ryo kuwa16/07/2015**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Abashinjacyaha ku rwego rw'Igihugu………………..35
**N°119/03 of 16/07/2015**
Prime Minister's Order appointing the Prosecutors at National Level……………………..….35
**N°119/03 du16/07/2015**
Arrêté du Premier Ministre portant nomination des Officiers de Poursuite Judiciaire au niveau National…………………………………………………………………………………..……35

**N° 120/03 ryo kuwa 16/07/2015**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Abashinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye……………...39
**N° 120/03 of 16/07/2015**
Prime Minister's Order appointing Prosecutors at Intermediate Level………………………...39
**N°120/03 du 16/07/2015**
Arrêté du Premier Ministre portant nomination des Officiers de Poursuite Judiciaire au niveau de Grande Instance……………………………………………………………………………….39

***D. Amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe/Prime Minister's Instructions/Instructions du Premier Ministre***

**N°003/03 yo ku wa 03/07/2015**
Amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe ashyiraho Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere, akanagena inshingano, imiterere n'imikorere byaryo…………………………………………….43
**N° 003/03 of 03/07/2015**
Prime Minister's Instructions establishing the Joint Action Development Forum and determining its responsibilities, organization and functioning………………………………………………….43
**N°003/03 du 03/07/2015**
Instructions du Premier Ministre portant création du Forum d'Action Conjointe pour le Développement et déterminant ses attributions, son organisation et son fonctionnement………..43

***E. Iteka rya Minisitiri/ Ministerial Order/ Arrêté Ministériel***

**N°001/MINISPOC/2015 ryo ku wa 16/07/2015**
Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gutwika umurambo no gushyingura ivu………………..80
**N°001/MINISPOC/2015 of 16/07/2015**
Ministerial Order determining methods for cremation of a dead body and burial of ashes…….80
**N°001/MINISPOC/2015 du 16/07/2015**
Arrêté Ministériel portant méthodes d'incinération d'un cadaver et d'enterrement des cendres……………………………………………………………………………………...80

**ITEGEKO NGENGA Nº 02/2015/OL. RYO KU WA 16/07/2015 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO NGENGA Nº02/2010/OL. RYO KU WA 09/06/2010 RIGENA IMITERERE, IFASI, UBUBASHA N'IMIKORERE BYA KOMITE Y'ABUNZI**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Urwego rushinzwe kunga**

**Ingingo ya 2: Abagize Komite y'Abunzi n'igihe manda yabo imara**

**Ingingo ya 3: Ububasha bwa Komite y'Abunzi bushingiye ku kiburanwa mu bibazo by'imbonezamubano**

**Ingingo ya 4: Ububasha bwa Komite y'Abunzi bushingiye ku kiburanwa mu bibazo nshinjabyaha**

**Ingingo ya 5: Komite y'Abunzi iregerwa**

**Ingingo ya 6: Kugena Komite y'Abunzi ifite ububasha bwo kuburanisha mu gihe ikiburanwa kiri mu mafasi menshi**

**Ingingo ya 7: Ikurikiranwa ry'uwakatiwe mu rubanza nshinjabyaha rutagisubiwemo cyangwa**

**ORGANIC LAW Nº02/2015/OL. OF 16/07/2015 MODIFYING AND COMPLEMENTING ORGANIC LAW Nº02/2010/OL. OF 09/06/2010 ON THE ORGANISATION, JURISDICTION, COMPETENCE AND FUNCTIONING OF THE MEDIATION COMMITTEE**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Mediation organ**

**Article 2: Members of Mediation Committee and their term of office**

**Article 3: Subject-matter jurisdiction of the Mediation Committee in civil matters**

**Article 4: Subject-matter jurisdiction of the Mediation Committee in criminal matters**

**Article 5: Competent Mediation Committee**

**Article 6: Determining the competent Mediation Committee when the subject matter is located within different territorial jurisdictions**

**Article 7: Prosecution of a person finally sentenced in a criminal case or who lost a**

**LOI ORGANIQUE Nº02/2015/OL. DU 16/07/2015 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI ORGANIQUE Nº02/2010/OL. DU 09/06/2010 PORTANT ORGANISATION, RESSORT, COMPETENCE ET FONCTIONNEMENT DU COMITE DE CONCILIATEURS**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier: Organe de conciliation**

**Article 2: Composition du Comité de conciliateurs et durée de leur mandat**

**Article 3: Compétence matérielle du Comité de Conciliateurs en matière civile**

**Article 4: Compétence matérielle du Comité de Conciliateurs en matière pénale**

**Article 5: Comité de Conciliateurs compétent**

**Article 6: Détermination du Comité de Conciliateurs compétent lorsque l'objet du litige est situé dans des ressorts différents**

**Article 7: Poursuite d'une personne définitivement condamnée en matière pénale ou**

| | | |
|---|---|---|
| **uwigeze gutsindwa mu Bunzi** | **mediation case** | **ayant perdu sa cause devant un Comité de Conciliateurs** |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Ivanwaho ry'ingingo ya 14** | **<u>Article 8</u>: Repeal of Article 14** | **<u>Article 8</u>: Abrogation de l'article 14** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Ihamagazwa ry'uregwa** | **<u>Article 9</u>: Summoning the defendant** | **<u>Article 9</u>: Convocation du défendeur** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Guhitamo inteko isuzuma ikibazo cyerekeye Komite y'Abunzi cyangwa benshi mu bayigize** | **<u>Article 10</u>: Selection of a panel to examine a dispute involving the Mediation Committee or the majority of its members** | **<u>Article 10</u>: Choix du siège devant connaître du différend impliquant le Comité de Conciliateurs ou la majorité de ses membres** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Gukemura ikibazo umwe mu bagifitanye adahari** | **<u>Article 11</u>: Decision rendered by default** | **<u>Article 11</u>: Décision rendue par défaut** |
| **<u>Ingingo ya 12:</u> Gusubirishamo icyemezo cyafashwe na Komite y'Abunzi** | **<u>Article 12:</u> opposition against the Mediation Committee's decision** | **<u>Article 12:</u> Opposition contre la décision du Comité des conciliateurs** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Gutambamira icyemezo cyafashwe na Komite y'Abunzi** | **<u>Article 13</u>: Opposition by a third party against the Mediation Committee's decision** | **<u>Article 13</u>: Tierce opposition contre la décision du Comité de conciliateurs** |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Uburyo kunga bikorwamo** | **<u>Article 14</u>: Mediation procedure** | **<u>Article 14</u>: Procédure de conciliation** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cyafashwe na Komite y'Abunzi** | **<u>Article 15</u>: Execution of the Mediation Committee's decision** | **<u>Article 15</u>: Exécution de la décision du Comité de conciliateurs** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Impaka zivutse mu irangiza ry'ibyemezo bya Komite y'Abunzi** | **<u>Article 16:</u> Disputes arising from the execution of the Mediation Committee decisions** | **<u>Article 16</u>: Contestation de l'exécution de la décision du Comité de conciliateurs** |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Kujuririra icyemezo cyafashwe na Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari** | **<u>Article 17</u>: Appealing against a decision of the Mediation Committee at the Cell level** | **<u>Article 17</u>: Appel contre la décision des conciliateurs au niveau de la Cellule** |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Kuregera icyemezo cyafashwe na Komite y'Abunzi yo ku rwego rw'Umurenge** | **<u>Article 18</u>: Filing an action against the Mediation Committee decision at the** | **<u>Article 18:</u> Recours contre la décision rendue par le Comité de Conciliateurs au niveau du** |

| | | |
|---|---|---|
| | **Sector level** | **Secteur** |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Ingingo zisuzumwa n'urukiko rwaregewe** | **<u>Article 19</u>: Points to be examined by the court seized** | **<u>Article 19:</u> Points devant être examinés par la juridiction saisie** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Urwego rukurikirana ibikorwa bya Komite z'abunzi** | **<u>Article 20</u>: Organ in charge of supervising activities of Mediation Committees** | **<u>Article 20</u>: Organe chargé de la supervision des activités des Comités de Conciliateurs** |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Irangira rya manda y'Abunzi bariho** | **<u>Article 21</u>: Termination of the term office of incumbent Mediators** | **<u>Article 21</u>: Terme du mandat des Conciliateurs en service** |
| **<u>Ingingo ya 22:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga** | **<u>Article 22:</u> Repealing provision** | **<u>Article 22:</u> Disposition abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 23:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko ngenga** | **<u>Article 23:</u> Drafting, consideration and adoption of this Organic Law** | **<u>Article 23:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi organique** |
| **<u>Ingingo ya 24:</u> Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa** | **<u>Article 24:</u> Commencement** | **<u>Article 24:</u> Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO NGENGA Nº02/2015/OL. RYO KU WA 16/07/2015 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO NGENGA Nº02/2010/OL. RYO KU WA 09/06/2010 RIGENA IMITERERE, IFASI, UBUBASHA N'IMIKORERE BYA KOMITE Y'ABUNZI**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 18 Kamena 2015;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 16 Kamena 2015;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 143, iya 159 n'iya 201;

**ORGANIC LAW Nº02/2015/OL. OF 16/07/2015 MODIFYING AND COMPLEMENTING ORGANIC LAW Nº02/2010/OL. OF 09/06/2010 ON THE ORGANISATION, JURISDICTION, COMPETENCE AND FUNCTIONING OF THE MEDIATION COMMITTEE**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW, AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 18 June 2015;

The Senate, in its session of 16 June 2015;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 143, 159 and 201;

**LOI ORGANIQUE Nº02/2015/OL. DU 16/07/2015 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI ORGANIQUE Nº02/2010/OL. DU 09/06/2010 PORTANT ORGANISATION, RESSORT, COMPETENCE ET FONCTIONNEMENT DU COMITE DE CONCILIATEURS**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 18 juin 2015;

Le Sénat, en sa séance du 16 juin 2015;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 143, 159 et 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga nº 04/2012/OL ryo ku wa 15/06/2012 rikuraho Inkiko Gacaca rikanagena uburyo bwo gukemura ibibazo byari mu bubasha bwazo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 6;

Isubiye ku Itegeko Ngenga nº 02/2010/OL ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya komite y'abunzi cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, iya 4, iya 8, iya 9, iya 10, iya 11, iya 14, iya 19, iya 21, iya 24, iya 25, iya 26, iya 27, iya 28, iya 31 n'iya 32;

**YEMEJE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Urwego rushinzwe kunga**

Ingingo ya 3 y'Itegeko Ngenga nº 02/2010/OL ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Komite y'Abunzi ni urwego rushinzwe kunga ababuranyi igihe cyose mbere y'uko bashyikirizwa inkiko zifite ububasha bwo kuburanisha ibirego bivugwa mu ngingo ya 8 n'iya 9 z'iri tegeko ngenga.

Umurimo w'abagize Komite y'Abunzi ni umurimo w'ubwitange udahemberwa".

Pursuant to Organic Law nº 04/2012/OL of 15/06/2012 terminating Gacaca Courts and determining mechanisms for solving issues which were under their jurisdiction, especially in Article 6;

Having reviewed Organic Law nº 02/2010/ OL of 09/06/2010 on organisation, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee, especially in Articles 3, 4, 8, 9, 10, 11, 14, 19, 21, 24, 25, 26, 27, 28, 31 and 32;

**ADOPTS:**

**<u>Article One</u>: Mediation organ**

Article 3 of Organic Law nº 02/2010/OL of 09/06/2010 on organization, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee is modified and complemented as follows:

"The Mediation Committee is an organ responsible for providing mediation services as a prerequisite for parties to bring an action before competent courts in matters provided for in articles 8 and 9 of this Organic Law.

Mediators shall serve on a volunteer and non remunerated basis."

Vu la Loi Organique nº 04/2012/OL de la 15/06/2012 portant suppression des juridictions Gacaca et fixant les mécanismes de résolution des litiges qui étaient de leur compétence, spécialement en son article 6;

Revu la Loi Organique nº 02/2010/ OL du 09/06/2010 portant organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité de Conciliateurs, spécialement en ses articles 3, 4, 8, 9, 10, 11, 14, 19, 21, 24, 25, 26, 27, 28, 31 et 32;

**ADOPTE:**

**<u>Article premier</u>: Organe de conciliation**

L'article 3 de la Loi Organique nº 02/2010/OL du 09/06/2010 portant organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité de Conciliateurs est modifié et complété comme suit :

" Le Comité de Conciliateurs est un organe chargé de la conciliation préalable à la saisine des juridictions compétentes pour les matières prévues aux articles 8 et 9 de la présente loi organique.

Le service des conciliateurs est presté avec dévouement à titre bénévole".

**Ingingo ya 2: Abagize Komite y'Abunzi n'igihe manda yabo imara**

Ingingo ya 4 y'Itegeko Ngenga nº 02/2010/OL ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Ku rwego rw'Akagari kimwe no ku rw'Umurenge, Komite y'Abunzi igizwe n'abantu barindwi (7) b'inyangamugayo, bose bagomba kuba batuye mu Kagari no mu Murenge, bitewe n'urwego barimo, kandi bazwiho ubushobozi bwo kunga.

Abagize Komite y'Abunzi batorwa n'Inama Njyanama y'Akagari cyangwa y'Umurenge, bitewe n'urwego barimo, mu bantu batari abakozi bo mu nzego z'ibanze cyangwa se z'ubutabera. Batorerwa igihe cy'imyaka itanu (5) gishobora kongerwa.

Abagize Komite y'Abunzi bagomba kuba barimo nibura mirongo itatu ku ijana (30%) b'abagore."

**Ingingo ya 3: Ububasha bwa Komite y'Abunzi bushingiye ku kiburanwa mu bibazo by'imbonezamubano**

Ingingo ya 8 y'Itegeko Ngenga nº 02/2010/OL ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

**Article 2: Members of Mediation Committee and their term of office**

Article 4 of Organic Law Nº 02/2010/OL of 09/06/2010 on organization, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee is modified and complemented as follows:

"The Mediation Committee at the Cell and Sector level comprises seven (7) residents of the Cell and the Sector respectively, who are persons of integrity and well-known for their mediation skills.

Members of the Mediation Committee shall be elected by the Cell and Sector's Council respectively, from among non-members of staff of local administrative entities or judicial organs. They shall be elected for a renewable term of office of five (5) years.

At least thirty percent (30%) of members of the Mediation Committee must be females."

**Article 3: Subject-matter jurisdiction of the Mediation Committee in civil matters**

Article 8 of Organic Law nº 02/2010/OL of 09/06/2010 on organization, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee is modified and complemented as

**Article 2: Composition du Comité de conciliateurs et durée de leur mandat**

L'article 4 de la Loi Organique nº 02/2010/OL du 09/06/2010 portant organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité de Conciliateurs est modifié et complété comme suit :

"Au niveau de la Cellule et du Secteur, le Comité de Conciliateurs est composé de sept (7) personnes intègres ayant leur résidence respectivement dans la Cellule et dans le Secteur et reconnues pour leur aptitude à concilier.

Les membres du Comité de conciliateurs sont respectivement élus par le Conseil de la Cellule et le Conseil du Secteur en dehors des agents des entités administratives de base et ceux des instances judiciaires. Ils sont élus pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable.

Au moins trente pourcent (30%) des membres du Comité de Conciliateurs doivent être de sexe féminin".

**Article 3: Compétence matérielle du Comité de Conciliateurs en matière civile**

L'article 8 de la Loi Organique nº 02/2010/OL du 09/06/2010 portant organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité de Conciliateurs est modifié et complété comme suit :

"Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari ifite ububasha bwo gusuzuma ibibazo byose by'imbonezamubano byerekeranye n'ibi bikurikira:

1° amasambu n'amatungo n'izungura kuri ibyo bintu;

2° indi mitungo yimukanwa n'itimukanwa, iyo ikiburanwa kitarengeje miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (5.000.000 Frw) n'izungura kuri ibyo bintu;

3° kutubahiriza amasezerano yakozwe hagati y'abantu ku giti cyabo, iyo ikiburanwa kitarengeje miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (5.000.000 Frw);

4° kutubahiriza amasezerano y'umurimo yakozwe hagati y'abantu ku giti cyabo, iyo afite agaciro kari hasi y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 Frw) ku kwezi;

5° ibibazo by'umuryango uretse mu gihe igisabwa ari ugufata icyemezo ku irangamimerere y'abantu.

Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Komite y'Abunzi ishobora gusuzuma ikibazo yashyikirijwe kitari mu bubasha bwayo, igihe igishyikirijwe abafitanye ikibazo babyumvikanyeho".

follows:

"The Mediation Committee at the Cell level shall have jurisdiction to determine any civil case relating to:

1 º land and livestock as well as their successions;

2 º any other movable and immovable assets where the value of the subject matter of litigation does not exceed five million (5,000,000) Rwanda francs and their successions;

3 º a breach of contract between individuals, if the value of the subject matter of litigation does not exceed five million (5,000,000) Rwanda francs;

4 º a breach of an employment contract between individuals if the contract value is less than one hundred thousand (100,000) Rwanda francs;

5 º family issues other than those related to taking decision on civil status.

Subject to the provisions of paragraph One of this Article, the Mediation Committee may hear cases falling outside its jurisdiction in case the Mediation Committee is submitted through mutual consent of parties."

" Le Comité de Conciliateurs au niveau de la Cellule est compétent pour statuer sur toute affaire civile relative aux matières suivantes:

1° terrains et bétail ainsi que les successions y afférentes;

2° autres biens meubles et immeubles lorsque la valeur de l'objet du litige ne dépasse pas cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ainsi que les successions y afférentes;

3° le non-respect des termes du contrat conclu entre les particuliers, lorsque la valeur de l'objet du litige ne dépasse pas cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ;

4° le non-respect des termes du contrat de travail conclu entre les particuliers lorsque la valeur du contrat est inférieure à cent mille (100.000) francs rwandais;

5° les affaires familiales autres que celles relatives à l'état civil.

Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, le Comité de Conciliateurs peut statuer sur les affaires ne relevant pas de sa compétence lorsqu'elle est saisie sur consentement mutuel des parties".

**Ingingo ya 4: Ububasha bwa Komite y'Abunzi bushingiye ku kiburanwa mu bibazo nshinjabyaha**

Ingingo ya 9 y'Itegeko Ngenga nº 02/2010/OL ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari ifite ububasha bwo gusuzuma ibibazo bishingiye ku byaha bikurikira:

1º gukuraho, kwimura imbibi cyangwa kuzonona;

2º kwangiza no konona ibiti, imyaka, ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi, mu gihe ibyangijwe cyangwa ibyononwe bitarengeje agaciro ka miliyoni eshanu (5.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda;

3º gutukana mu ruhame;

4º gusebanya mu ruhame ;

5º gutwika ku bushake amashyamba, imyaka iri mu murima, ibiti byatemwe cyangwa imyaka yasaruwe mu gihe ibyatwitswe bitarengeje agaciro ka miliyoni eshanu (5.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda;

**Article 4: Subject-matter jurisdiction of the Mediation Committee in criminal matters**

Article 9 of Organic Law nº 02/2010/OL of 09/06/2010 on organization, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee is modified and complemented as follows:

"The Mediation Committee at the Cell level shall have jurisdiction to determine cases relating to the following offences:

1º removing, transferring or destruction land markers;

2º damaging and degrading trees, crops, agricultural tools, if the value of what has been destroyed or damaged does not exceed five million (5,000,000) Rwandan francs;

3º insult in public;

4º public defamation;

5º deliberately burning forests, standing crops, cut down trees or harvested crops if the value of what is burnt does not exceed five million (5,000,000) Rwandan francs;

**Article 4: Compétence matérielle du Comité de Conciliateurs en matière pénale**

L'article 9 de la Loi Organique nº 02/2010/OL du 09/06/2010 portant organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité de Conciliateurs est modifié et complété comme suit:

"Le Comité de Conciliateurs au niveau de la Cellule est compétent pour statuer sur les affaires en rapport avec les infractions suivantes:

1º enlèvement, déplacement ou dégradation de bornes;

2º destruction et dégradation d'arbres, de récoltes et d'outils agricoles lorsque la valeur de ce qui est détruit ou dégradé ne dépasse pas cinq millions (5.000.000) de francs rwandais;

3º injure publique;

4º diffamation publique;

5º incendie volontaire des forêts, des récoltes sur pied, des bois abattus ou des cultures récoltées lorsque la valeur de ce qui est mis à feu ne dépasse pas cinq millions (5.000.000) de francs rwandais;

6º ubujura budakoresheje kiboko cyangwa ibikangisho iyo icyibwe kitarengeje agaciro ka miliyoni eshanu (5.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda;

7º guhisha ibintu bikomoka ku cyaha, iyo icyibwe kitarengeje agaciro ka miliyoni eshanu (5.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda;

8º ubwambuzi bushukana n'ububeshyi bukozwe n'umwe mu bashakanye abigiriye mugenzi we;

9º ubuhemu iyo ikiburanwa kitarengeje agaciro ka miliyoni eshanu (5.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda;

10º kwaka ikitari bwishyurwe iyo kitarengeje agaciro ka miliyoni eshanu (5.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda;

11º kubika ku bw'uburiganya ikintu cy'undi watoraguye, iyo icyo kintu kitarengeje agaciro ka miliyoni eshanu (5.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda;

12º gufata nabi amatungo yororerwa mu rugo, kuyakomeretsa cyangwa kuyica, iyo ayo matungo yafashwe nabi, yakomerekejwe cyangwa yishwe atarengeje agaciro ka miliyoni eshanu

6º non violent or threats theft if the value of the stolen property does not exceed five million (5,000,000) Rwandan francs;

7º concealment of any offence related objects if the value of stolen object does not exceed five million (5,000,000) Rwandan francs;

8º fraud and deceit by any of the spouses against another;

9º breach of trust in case the value of the subject matter of litigation does not exceed five million (5,000,000) Rwandan francs;

10º making off without payment of bill in case the bill does not exceed five million (5,000,000) Rwanda francs;

11º fraudulently keeping of another person's found item, if the value of such an item does not exceed five million (5,000,000) Rwandan francs;

12º mistreating, injuring or killing domestic animals if the value of such animals does not exceed five million (5,000,000) Rwandan francs;

6º vol sans violence ou menace lorsque la valeur de l'objet volé ne dépasse pas cinq millions (5.000.000) de francs rwandais;

7º le recel d'objets provenant d'une infraction lorsque la valeur de l'objet volé ne dépasse pas cinq millions (5.000.000) de francs rwandais;

8º escroquerie et tromperie entre époux ;

9º l'abus de confiance lorsque l'objet du litige ne dépasse pas cinq millions (5.000.000) de francs rwandais;

10º grivèlerie lorsque la valeur du service non payé ne dépasse pas cinq millions (5.000.000) de francs rwandais;

11º détention frauduleuse d'un bien trouvé appartenant à autrui lorsque la valeur de ce bien ne dépasse pas cinq millions (5.000.000) de francs rwandais;

12º maltraiter, blesser ou tuer les animaux domestiques lorsque la valeur de ces animaux ne dépasse pas cinq millions (5.000.000) de francs rwandais;

(5,000,000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda ;

13º gusenya cyangwa konona inyubako utari nyirazo, iyo ibyo bintu byashenywe cyangwa byononwe bitarengeje agaciro ka miliyoni eshanu (5.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda ;

14º guhutaza undi byoroshye ubikoranye ubushake cyangwa kumutera ikintu gishobora kumubangamira cyangwa kumwanduza ;

15º urusaku rwa ninjoro;

16º gukangisha gusebanya;

17º gusahura cyangwa konona umutungo, bitigeze biburanishwa n'Inkiko Gacaca byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 hatitawe ku gaciro k'ibyasahuwe, ibyangijwe byaba byarakozwe n'abasivili, abajandarume cyangwa abasirikare.

Iyo ibibazo bikomoka ku byaha bivugwa muri iyi ngingo bikozwe ku buryo bw'isubiracyaha mbere y'uko habaho ubusaze bw'icyaha buteganywa n'itegeko, ikirego gishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha".

13º demolishing or damaging another person's building if the value of the demolished or damaged building does not exceed five million (5,000,000) Rwandan francs;

14º intentional minor violence against a person or throwing at him/her something likely to inconvenience or dirty him/her;

15º night-time noise;

16º blackmail;

17º acts of looting or damaging of property which were not adjudicated by Gacaca Courts, committed between October 1, 1990 and December 31, 1994 irrespective of the value of the property looted whether they were committed by civilians, gendarmes or soldiers.

In case of recidivism with respect to the acts referred to in this article before the expiry of the statutory limitation period, the matter shall be referred to the relevant court."

13º destruction ou dégradation des bâtiments appartenant à autrui lorsque la valeur de ce qui est détruit ou dégradé ne dépasse pas cinq millions (5.000.000) de francs rwandais;

14º violence volontaire légère envers une personne ou le fait de lancer sur elle une chose de nature à l'incommoder ou à la souiller;

15º tapage nocturne ;

16º chantage;

17º les actes de pillage ou d'endommagement des biens qui n'ont pas été jugés par les Juridictions Gacaca et commis entre le 1er octobre 1990 et le 31 décembre 1994 quelle que soit la valeur de ces biens et indépendamment du fait qu'ils aient été commis par des civils, des gendarmes ou des militaires.

En cas de récidive des actes infractionnels visés au présent article avant la prescription de l'infraction prévue par la loi, il est procédé à la saisine de la juridiction compétente".

**Ingingo ya 5: Komite y'Abunzi iregerwa**

Ingingo ya 10 y'Itegeko Ngenga nº 02/2010/OL ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Mu byerekeranye n'ibibazo mbonezamubano biteganywa mu ngingo ya 8 ndetse n'ibyaha biteganywa mu ngingo ya 9 z'iri tegeko ngenga, Komite y'Abunzi iregerwa hitawe kuri kimwe muri ibi bikurikra:

1º Komite y'Abunzi y'aho uregwa atuye;

2º Komite y'Abunzi y'aho urega atuye byumvikanyweho n'uwo bafitanye ikibazo;

3º Komite y'Abunzi yo mu ifasi y'aho ikiburanwa kiri;

4º Komite y'Abunzi yo mu ifasi y'aho icyaha cyakorewe.

Icyakora, iyo uhamagarwa adafite umwirondoro uzwi cyangwa adafite aho aba hazwi mu Rwanda, ikirego gishyikirizwa ubugenzacyaha cyangwa urukiko rubifitiye ububasha.

**Article 5: Competent Mediation Committee**

Article 10 of the Organic Law nº 02/2010/OL of 09/06/2010 on organization, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee is modified and complemented as follows:

"For civil matters provided for under Article 8 and criminal matters provided for in Article 9 of this Organic Law, the competent Mediation Committee shall be determined having regard to any of the following:

1º the Mediation Committee of the the defendant's residence;

2º the Mediation Committee of the plaintiff's residence through mutual agreement with the defendant;

3º the Mediation Committee in the territorial jurisdiction of the subject matter;

4º the Mediation Committee in the jurisdiction where the offence was committed.

However, where the summoned person has no known place of domicile or residence in Rwanda, the matter shall be referred to the judicial police or the relevant court.

**Article 5: Comité de Conciliateurs compétent**

L'article 10 de la Loi Organique nº 02/2010/OL du 09/06/2010 portant organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité de Conciliateurs est modifié et complété comme suit :

"Pour des affaires civiles prévues à l'article 8 et des affaires pénales prévues à l'article 9 de la présente loi organique, le Comité de Conciliateurs compétent est déterminé en tenant compte de l'un de ce qui suit:

1º le Comité de Conciliateurs du lieu de résidence du défendeur;

2º le Comité de Conciliateurs du lieu de résidence du demandeur en cas de commun accord avec le défendeur;

3º le Comité de Conciliateurs dans le ressort duquel l'objet du litige se trouve;

4º le Comité de Conciliateurs dans le ressort duquel l'infraction a été commise.

Toutefois, lorsque la personne à assigner n'a ni résidence ni domicile connu au Rwanda, l'affaire est portée devant la police judiciaire ou la juridiction compétente.

Nta na rimwe Komite y'Abunzi ishobora kugezwaho ibirego birimo Leta, inzego zayo cyangwa imiryango n'ibigo bifite ubuzima gatozi byaba ibya Leta cyangwa ibitari ibya Leta.

Icyakora, ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo ntibireba amashyirahamwe adafite ubuzima gatozi kuko yo ashobora kuregwa muri Komite z'Abunzi, ariko yo ntashobora kurega. Ishyirahamwe ridafite ubuzimagatozi riregwa mu izina ry'urihagarariye."

**<u>Ingingo ya 6</u>: Kugena Komite y'Abunzi ifite ububasha bwo kuburanisha mu gihe ikiburanwa kiri mu mafasi menshi**

Itegeko Ngenga nº 02/2010/OL ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi ryongewemo ingingo ya 10 bis iteye ku buryo bukurikira:

"**<u>Ingingo ya 10 bis</u>: Kugena Komite y'Abunzi ifite ububasha bwo kuburanisha mu gihe ikiburanwa kiri mu mafasi menshi**

Bitabangamiye ibiteganyijwe mu ngingo ya 10 y'iri tegeko ngenga, iyo ikiburanwa kiri mu mafasi menshi ya Komite z'Abunzi, Komite y'Abunzi ifite ububasha igenwa mu buryo bukurikira:

In no case shall the Mediation Committee receive complaints involving the State, its organs or associations or companies with legal personality whether private or public.

However, the provisions of paragraph 3 of this Article shall not apply to the associations without legal personality as they may be sued before the Mediation Committee, with no reciprocal right to sue. An association without legal personality shall be sued through its representative."

**<u>Article 6</u>: Determining the competent Mediation Committee when the subject matter is located within different territorial jurisdictions**

Organic Law nº 02/2010/OL of 09/06/2010 on organization, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee is complemented by Article 10 bis read as follows:

"**<u>Article 10 bis</u>: Determining the relevant Mediation Committee when the subject matter is located in different territorial jurisdictions**

Without prejudice to the provisions of article 10 of this Organic Law, when the subject matter is located in different jurisdictions of Mediation Committees, the relevant Mediation Committee shall be determined in

En aucun cas, le Comité de Conciliateurs ne peut connaître des affaires impliquant l'Etat et ses entités ainsi que des associations ou sociétés tant publiques que privées dotées de la personnalité juridique.

Toutefois, les dispositions de l'alinéa 3 du présent article ne s'appliquent pas aux associations non dotées de la personnalité juridique car elles peuvent faire l'objet d'une demande devant les Comités de Conciliateurs sans toutefois disposer du droit de porter plainte. La demande contre une association non dotée de la personnalité juridique est formulée à l'encontre de son représentant. "

**<u>Article 6</u>: Détermination du Comité de Conciliateurs compétent lorsque l'objet du litige est situé dans des ressorts différents**

La Loi Organique nº 02/2010 /OL de la 09/06/2010 portant organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité de Conciliateurs est complétée par l'article 10 bis libellé comme suit:

"**<u>Article 10 bis</u>: Détermination du Comité de Conciliateurs compétent lorsque l'objet du litige est situé dans des ressorts différents**

Sans préjudice des dispositions de l'article 10 de la présente Loi Organique, lorsque l'objet du litige est situé dans des ressorts des Comités de Conciliateurs différents, le Comité de Conciliateur compétent est déterminé de la manière suivante :

1º Komite y'Abunzi yo mu ifasi ituyemo abafitanye ikibazo bombi ni yo ifite ububasha bwo gukemura ikibazo;

2º iyo abafitanye ikibazo badatuye mu ifasi imwe, Komite y'Abunzi ifite ububasha bwo kugikemura ni iyo mu ifasi y'aho igice cy'ikiburanwa kiri, kandi ituwemo n'umwe muri bo;

3º iyo mu bafitanye ikibazo bombi badatuye mu ifasi imwe ya Komite y'Abunzi, Komite y'Abunzi yo mu ifasi y'aho igice kinini cy'ikiburanwa kiri cyangwa iy'aho icyaha cyakorewe, ni yo ifite ububasha bwo gukemura ikibazo."

the following way:

1° the Mediation Committee having territorial jurisdiction over the place of both parties' residence shall be competent to decide on the matter;

2° when both parties do not reside in the same territorial jurisdiction, the Mediation Committee having territorial jurisdiction over the place of location of the portion of the subject matter and that of residence of one of the parties shall be competent to decide on the matter;

3° when both parties do not reside in the same territorial jurisdiction of a Mediation Committee, the Mediation Committee having territorial jurisdiction over the place of location of the major portion of the subject matter or of the commission of the offence shall be competent to decide the matter."

1º le Comité de Conciliateurs dans le ressort duquel résident les deux parties en cause est compétent pour connaître de l'affaire;

2º lorsque les deux parties ne résident pas dans le même ressort, le Comité de Conciliateurs dans le ressort duquel se trouve une portion de l'objet du litige et réside l'une des parties est compétent pour connaître de l'affaire ;

3º lorsque les deux parties en cause ne résident pas dans le même ressort du Comité de Conciliateurs, le Comité de Conciliateurs du ressort où se trouve la partie principale de l'objet du litige, ou celui du ressort de la commission d'infraction, est compétent pour connaître de l'affaire. "

**Ingingo ya 7: Ikurikiranwa ry'uwakatiwe mu rubanza nshinjabyaha rutagisubiwemo cyangwa uwigeze gutsindwa mu Bunzi**

Ingingo ya 11 y'Itegeko Ngenga nº 02/2010/OL ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

**Article 7: Prosecution of a person finally sentenced in a criminal case or who lost a mediation case**

Article 11 of the Organic Law nº 02/2010/OL of 09/06/2010 on organization, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee is modified and complemented as follows:

**Article 7: Poursuite d'une personne définitivement condamnée en matière pénale ou ayant perdu sa cause devant un Comité de Conciliateurs**

L'article 11 de la Loi Organique nº 02/2010/OL du 09/06/2010 portant organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité de Conciliateurs est modifié et complété comme suit:

"Igihe cyose bigaragaye ko umuntu uregewe Abunzi yaburanishijwe n'inkiko mu rubanza nshinjabyaha rutagisubiwemo ku cyaha kimwe n'icyo aregwa imbere ya Komite y'Abunzi cyangwa uwigeze kuburanishwa mu Bunzi cyangwa mu Nkiko Gacaca ku buryo icyemezo cyafashwe cyabaye ndakuka, ku byaha biteganyijwe mu ngingo ya 9 y'iri tegeko ngenga, ntiyongera kuburanishwa kuri icyo cyaha, bitabujije ko yaburanishwa n'inkiko zibifitiye ububasha ku byangijwe n'icyo cyaha ku byerekeranye n'indishyi zikomoka kuri icyo cyaha".

**<u>Ingingo ya 8</u>: Ivanwaho ry'ingingo ya 14**

Ingingo ya 14 y'Itegeko Ngenga nº 02/2010/ OL ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi ivanyweho.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Ihamagazwa ry'uregwa**

Itegeko Ngenga nº02/2010/OL ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi ryongewemo ingingo ya 17 bis iteye ku buryo bukurikira:

**"<u>Ingingo ya 17 bis</u>: Ihamagazwa ry'uregwa**

Urupapuro rutumiza uregwa rugezwa ku biro by'Akagari cyangwa iby'Umurenge uregwa atuyemo cyangwa mu bunyamabanga bw'ikigo akoreramo iyo ari umukozi.

"Whenever it is discovered that the person against whom the claim is lodged with the Mediation Committee was judged in criminal courts in a final judgment for the same offence with which he/she is charged before the Mediation Committee or has been judged by the Mediation Committee or Gacaca Courts for offences provided for in article 9 of this Organic Law, such a person shall not be judged for the same offence save for the fact that he/she may be tried by relevant courts for payment of damages caused by the offence."

**<u>Article 8</u>: Repeal of Article 14**

Article 14 of Organic Law nº 02/2010/ OL of 09/06/2010 on organization, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee is repealed.

**<u>Article 9</u>: Summoning the defendant**

Organic Law nº 02/2010/OL of 09/06/2010 on organization, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee is complemented by Article 17 bis read as follows:

**"<u>Article 17 bis</u>: Summoning the defendant**

The summons shall be delivered to the office of the Cell or the Sector in which the defendant resides or to the secretariat of the institution where the defendant works.

" Lorsqu'il est découvert qu'une personne a été définitivement jugée par des juridictions répressives pour une infraction dont elle est poursuivie devant le Comité de Conciliateurs ou qu'elle a été jugée par un Comité de Conciliateurs ou une juridiction Gacaca pour les infractions prévues à l' article 9 de la présente loi organique, elle ne peut pas être de nouveau jugée, sans pour autant porter préjudice à l'action civile pour le recouvrement des dommages causés par cette infraction."

**<u>Article 8</u>: Abrogation de l'article 14**

L'article 14 de la Loi Organique nº 02/2010/ OL du 09/06/2010 portant organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité de Conciliateurs est abrogé.

**<u>Article 9</u>: Convocation du défendeur**

La Loi Organique nº 02/2010/OL du 09/06/2010 portant organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité de Conciliateurs est complétée par l'article 17 bis libellé comme suit:

**"<u>Article 17 bis</u>: Convocation du défendeur**

La convocation est délivrée au bureau de la Cellule ou du Secteur de résidence du défendeur ou au secrétariat de l'institution où travaille le défendeur.

Urwo rupapuro rugaragaza incamake y'uko ikibazo giteye, ahantu, umunsi n'isaha uhamagawe azitabiraho Komite y'Abunzi, kandi bikamenyeshwa urega.

Uhamagajwe ahabwa nibura iminsi irindwi (7) isanzwe mbere yo kwitaba Komite y'abunzi ibarwa uhereye ku munsi yagerejweho urupapuro rumuhamagaza."

**<u>Ingingo ya 10</u>: Guhitamo inteko isuzuma ikibazo cyerekeye Komite y'Abunzi cyangwa benshi mu bayigize**

Itegeko Ngenga nº 02/2010/OL ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi ryongewemo ingingo ya 18 bis iteye ku buryo bukurikira:

"**<u>Ingingo ya 18 bis</u>: Guhitamo inteko isuzuma ikibazo cyerekeye Komite y'Abunzi cyangwa benshi mu bayigize**

Umwunzi abujijwe kujya mu nteko isuzuma ikibazo kimureba cyangwa afitemo inyungu iyo ari yo yose. Ashobora kwanga ubwe kuyijyamo cyangwa akihanwa n'uruhande rufite ikibazo kigomba gusuzumwa.

Iyo ikibazo gisuzumwa cyerekeye abagize Komite y'Abunzi bose cyangwa abenshi mu bayigize ku rwego rw'Akagari cyangwa urw'Umurenge, ku

The summons shall briefly describe the nature of litigation, the venue, date and time the defendant shall appear before the Committee, with a copy to the plaintiff.

The summonsed person shall be given a period of at least seven (7) calendar days to appear before the Committee calculated from the date the summons was served on him/her."

**<u>Article 10</u>: Selection of a panel to examine a dispute involving the Mediation Committee or the majority of its members**

Organic Law nº 02/2010/OL of 09/06/2010 on organization, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee is complemented by Article 18 bis read as follows:

"**<u>Article 18 bis</u>: Selection of a panel to examine a dispute involving the Mediation Committee or the majority of its members**

2° imiryango mvamahanga itari iya Leta;

3° imiryango ishingiye ku idini;

4° ubuyobozi bw'Akarere;

5° ibigo bya Leta bikorera mu Karere;

6° ibigo by'abikorera bikorera mu Karere.

Afatanyabikorwa mu iterambere bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo biyandikisha nk'abanyamuryango ba JADF mu Karere.

**Ingingo ya 7: Inzego za JADF**

JADF igizwe n'inzego zikurikira:

1° Inteko Rusange;

**CHAPTER III: ORGANIZATION OF JADF**

**Article 6: Composition of JADF**

JADF is composed of stakeholders in development including:

1° national non- governmental organisations;

2° international non- governmental organisations;

3° religious-based organizations;

4° District administration;

5° public sector institutions operating in the District;

6° private sector institutions operating in the District

Stakeholders in development provided for by Paragraph One of this Article are register as JADF members in a District.

**Article 7: Organs of JADF**

JADF is comprised of the following organs:

1° the General Assembly;

**CHAPITRE III: ORGANISATION DE JADF**

**Article 6: Composition de JADF**

JADF est notamment composé des partenaires au développement qui comprennent :

1° des organisations non gouvernementales nationales;

2° des organisations non gouvernementales internationales;

3° des organisations fondées sur la religion ;

4° l'administration du District ;

5° des acteurs du secteur public et opérant dans le District ;

6° des acteurs du secteur et privé, opérant dans le District.

Les partenaires au développement prévus à l'alinéa premier du présent article se font enregistrer comme membre de JADF dans le District.

**Article 7: Organes de JADF**

JADF a les organes les suivants:

1° l'Assemblée Générale;

2° Komite Nshingwabikorwa;

3° Ubunyamabanga.

**Icyiciro cya mbere: Inteko Rusange ya JADF**

**Ingingo ya 8: Abagize Inteko Rusange ya JADF ku rwego rw'Akarere**

Inteko Rusange ya JADF ku rwego rw'Akarere igizwe n`aba bakurikira:

1° Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu;

2° Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza;

3° Umuyobozi ufite Igenamigambi mu nshingano ze ku Karere;

4° abahagarariye imiryango nyarwanda itari iya Leta ikorera mu Karere;

5° abahagarariye imiryango ishingiye ku idini yemewe na Leta ikorera mu Karere;

6° abahagarariye Imiryango mvamahanga itari iya Leta ikorera mu Karere;

7° uhagarariye Urugaga rw'Abikorera ku

2° the Executive Committee;

3° the Secretariat.

**Section One: JADF General Assembly**

**Article 8: Composition of the General Assembly of JADF at the District level**

JADF General Assembly at the District level is comprised of the following members:

1° Vice Mayor in charge of Economic Development;

2° Vice Mayor in charge of Social Affairs;

3° Director in charge of planning at the District;

4° representatives of the national non-governmental organizations operating in in the District;

5° representatives of religious based organizations legally recognized operating in the District;

6° representatives of the international non-governmental organizations operating in in the District;

7° representative of Private Sector

2° le Comité Exécutif;

3° Le Secretariat.

**Section première: Assemblée Générale de JADF**

**Article 8: Composition de l'Assemblée Générale de JADF au niveau du District**

L'Assemblée Générale de JADF au niveau du District est composée des membres suivants:

1° le Vice-Maire chargé du Développement Economique;

2° le Vice-Maire chargé des Affaires Sociales;

3° le Directeur de la planification du District;

4° les représentants des organisations non gouvernementales locales opérant dans le District;

5° les représentants des organisations fondées sur la religion légalement reconnues opérant dans le District;

6° les représentants des organisations non-gouvernementales internationales opérant dans le District;

7° le représentant de la Fédération du

rwego rw'Akarere;

8° abahagarariye Ingaga z'Amakoperative zifite ubuzimagatozi zikorera mu Karere;

9° abahagarariye amabanki n`ibindi bigo by`imari ku rwego rw'Akarere;

10° ufite ubukungu mu nshingano ze muri Komite Nyobozi y'Inama y'igihugu y'Abagore ku Karere;

11° Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko mu Karere;

12° Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu Bafite Ubumuga ku rwego rw'Akarere;

13° abahagarariye imishinga yegerejwe abaturage, ibigo bya Leta bitanga servisi ku baturage, n'abandi bafatanyabikorwa mu iterambere bakorera mu karere;

14° Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere;

15° Undi muntu wese Komite Nshingwabikorwa ya JADF ibona ko ari ngombwa.

Federation at the District level;

8° representatives of Cooperative Unions having legal personality operating in the District;

9° representatives of banks and other financial institutions in the District;

10° the person in charge of economic affairs at National Women Council Executive Committee at District level;

11° Coordinator of National Youth Council in the District;

12° Coordinator of National Council of Persons with Disability in the District;

13° representatives of decentralized projects, public services, and other stakeholders in development operating in District;

14° Sector Executive Secretaries in the District;

15° any other person considered necessary by the JADF Exective Committee.

Secteur Privé au niveau du District;

8° les représentants des unions de coopératives agréées opérant dans le District;

9° les représentants des banques et autres institutions financières au niveau du District;

10° la personne chargée des affaires économiques dans le Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau du District;

11° le Coordinateur du Conseil National de la Jeunesse dans le District;

12° le Coordinateur du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau du District ;

13° les représentants des projets décentralisés, des services publics décentralisés et autres partenaires au développement opérant dans le District;

14° les Secrétaires Exécutifs des Secteurs dans le District;

15° toute autre personne jugée necéssaire par le Comité Exécutif de JADF.

**Ingingo ya 9: Inshingano z'Inteko Rusange ya JADF ku Karere**

Inteko Rusange ni rwo rwego rukuru rufata ibyemezo byose bya ngombwa bya JADF birebana n'imikorere yayo mu Karere.

Inteko rusange ya JADF y'Akarere ifite inshingano zikurikira:

1° kwakira no gusuzuma gahunda y'ibikorwa bya buri mufatanyabikorwa wa JADF no kujya inama z'uko byakunganira kandi bikanahuzwa na gahunda y'iterambere ry'Akarere na gahunda y'ibikorwa by'umwaka by'Akarere n'Umurenge;

2° gushyiraho za Komisiyo za JADF ku bikorwa runaka, hakurikijwe ibikorwa buri mufatanyabikorwa agiramo uruhare, ndetse na gahunda z'ingenzi ziganisha ku iterambere rirambye;

3° kwemeza amategeko ngengamikorere ya JADF ku rwego rw'Akarere;

4° kwemeza za raporo za Komite Nshingwabikorwa za JADF;

5° kwemeza gahunda y'ibikorwa by'umwaka n'ingengo y'imari bya JADF;

**Article 9: Responsibilities of JADF General Assembly at District level**

The General Assembly is the supreme organ of the JADF that takes all the important decisions relating to its functioning in the District.

District General Assembly has the following responsibilities:

1° to receive and review individual action plans of JADF stakeholders and ensure that they are harmonized with District development plan as well as District and Sector annual action plans;

2° to set up various thematic commissions of JADF based to specific areas of intervention by partners and on the long term development priorities;

3° to approve internal rules and regulations of JADF operation at the District level;

4° to approve the reports of the JADF Executive Committee;

5° to approve the annual action plan and the budget of JADF;

**Article 9: Attributions de l'Assemblée Générale de JADF au niveau du District**

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de JADF qui prend toutes les décisions importantes relatives à son fonctionnement dans le District.

L'Assemblée Générale de JADF du District a les attributions suivantes :

1° recevoir et analyser les plans d'action individuels des partenaires de JADF, et s'assurer de leur harmonisation avec le plan de developpemet du district ainsi que les Plans d'actions annuels du District et des Secteurs;

2° mettre en place les différentes commissions thématiques de JADF selon les domaines spécifiques d'intervention des partenaires et les priorités du développement à long terme;

3° adopter les règlements d'ordre intérieur de JADF au niveau du District ;

4° approuver les rapports du Comité Exécutif de JADF;

5° approuver le plan d'actions annuel et le budget de JADF;

6° gusuzuma ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'ibikorwa za JADF.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Komite Nshingwabikorwa ya JADF**

**<u>Ingingo ya 10</u>: Abagize Komite Nshingwabikorwa ya JADF**

Komite Nshingwabikorwa ya JADF ku Karere igizwe n'aba bakurikira:

1° Perezida;

2° Visi Perezida;

3° Umubitsi;

4° Umunyamabanga wa JADF ku Karere;

5° Abaperezida ba za Komisiyo za JADF.

Abagize Komite Nshingwabikorwa batorwa n'Inteko Rusange mu bagize JADF usibye Umunyamabanga wa JADF uri mu bagize urwo rwego kubera umwanya w'umurimo arimo.

Abagize Komite Nshingwabikorwa batorerwa igihe cy'imyaka ibiri (2) ishobora kongerwa.

6° to evaluate the implementation of JADF action plans.

**<u>Section 2</u>: JADF Executive Committee**

**<u>Article 10</u>: Composition of the Executive Committee of JADF**

The Executive Committee of JADF at the District level is comprised of the following members:

1° the Chairperson;

2° the Vice Chairperson;

3° the Treasurer;

4° the District JADF Secretary;

5° Chairpersons of Thematic Commissions.

The Executive Committee members are elected by General Assembly from JADF members except for the JADF Secretary who is a member of the committee by virtue of his/her job position.

The Executive Committee members are elected for two (2) years that may be renewed.

6° évaluer la mise en oeuvre des plans d'actions de JADF.

**<u>Section 2</u>: Comité Exécutif de JADF**

**<u>Article 10</u>: Composition du Comité Exécutif de JADF**

Le Comité Exécutif de JADF au niveau du District est composé des membres suivants:

1° le Président ;

2° le Vice-Président ;

3° le Trésorier ;

4° le Secrétaire de JADF au District ;

5° les présidents des commissions thématiques.

Les Membres du Comité Exécutif sont élus par l'Assemblée Générale parmi ses membres de JADF, à l'exception du secrétaire de JADF qui est membre d'office en vertu de son poste de travail.

Les Membres du Comité Exécutif sont élus pour un mandat de deux (2) ans renouvelable.

Le Président du Comité Exécutif est également

Perezida wa Komite Nshingwabikorwa ni na we Perezida w'Inteko Rusange ya JADF. Iyo adahari, asimburwa na Visi-Perezida.

**Ingingo 11: Inshingano za Komite Nshingwabikorwa ya JADF**

Komite Nshingwabikorwa ya JADF y'Akarere ifite inshingano zikurikira:

1° gushyira mu bikorwa ibyemezo n'imyanzuro by'Inteko Rusange;

2° gutegura gahunda y'inama y'Inteko Rusange no gutumira abanyamuryango;

3° gutegura no guhuriza hamwe gahunda y'ibikorwa by'umwaka n'ingengo y'imari bya JADF no kubishyikiriza Inteko Rusange kugira ngo ibyemeze;

4° kugenzura ko gahunda y'ibikorwa bya buri mufatanyabikorwa wa JADF ifasha mu kugera ku ntego na gahunda z'iterambere by'Akarere;

5° guteza imbere umuco wo kujya inama hagati y'inzego z'ubuyobozi bw'Akarere,

The Executive Committee Chairperson is also the Chairperson of JADF General Assembly. In case of his/her absence, he/she is replaced by the Vice Chairperson.

**Article 11: Responsibilities of the Executive Committee of JADF**

The Executive Committee of JADF at District level have the following responsibilities:

1° to implement the decisions and recommandations of the General Assembly;

2° to prepare the agenda for the General Assembly and deliver invitations to members;

3° to prepare and consolidate JADF Annual action plan and budget and submit them to the General Assembly for approval;

4° to ensure individual action plans for JADF partners contribute to the realization of the objectives of District development plans;

5° to promote the culture of consultative process among District

le Président de l'Assemblée Générale de JADF. En cas de son absence, il est remplacé par le Vice-Président.

**Article 11: Attributions du Comité Exécutif de JADF**

Le Comité Exécutif du JADF au niveau du District a les attributions suivantes:

1° assurer l'exécution des décisions et recommandations de l'Assemblée Générale;

2° préparer l'ordre du jour de l'Assemblée Générale et s'assurer de la reception de l'invitation par les membres ;

3° préparer et consolider le plan d'actions et le budget annuels de JADF et les soumettre à l'Assemblée Générale pour approbation ;

4° s'assurer que les plans d'activités individuels des partenaires de JADF contribuent à la réalisation des objectifs du plan de développement du District;

5° promouvoir la culture de concertation entre les autorités du District et acteurs des secteurs public et privé avec les

abikorera n'abahagarariye abaturage mu rwego rwo gutegura gahunda z'iterambere ry'Akarere;

6° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere agomba gushyikirizwa Inteko Rusange kugira ngo iyemeze;

7° gucunga neza imari n'umutungo bya JADF;

8° gukora raporo zitandukanye za ngombwa;

9° gukora ikindi cyose kijyanye n'inshingano za JADF yasabwa n'Inteko Rusange.

**Icyiciro cya 3: Ubunyamabanga bwa JADF ku Karere**

**Ingingo ya 12: Abagize Ubunyamabanga bwa JADF**

Ubunyamabanga bwa JADF ku Karere bugizwe n'aba bakurikira:

1° Umunyamabanga;

2° abandi bakozi bashobora gushyirwaho bibaye ngombwa, hakurikijwe amategeko abigenga.

Umunyamabanga wa JADF ku Karere ni we

authorities, public and private sectors and citizen representatives during preparation of district development Plans;

6° to draft internal rules and regulations and submit them to the General Assembly for approval;

7° to ensure proper management of JADF resources and assets;

8° to prepare various reports that are required;

9° to perform any other duty relating to responsibilities of JADF assigned to it by the General Assembly.

**Section 3: District JADF Secretariat**

**Article 12: Composition of JADF Secretariat**

The District JADF Secretariat is composed of the following:

1° the Secretary;

2° other employees that could be hired depending on the need, in accordance with the relevant regulations.

The District JADF Secretary is the rapporteur

représentants de la population lors de la préparation des plans de développement du District ;

6° préparer le projet de règlement d'ordre intérieur à soumettre à l'Assemblée Générale pour approbation ;

7° assurer une bonne gestion des ressources et du patrimoine de JADF ;

8° préparer les divers rapports qui sont requis;

9° remplir toute autre tâche relative aux attributions de JADF lui confiée par l'Assemblée Générale.

**Section 3: Secrétariat de JADF au District**

**Article 12: Composition du Secrétariat de JADF**

Le Secrétariat de JADF est composé des personnes suivantes :

1° le Secrétaire :

2° autres agents pouvant être recrutés en cas de besoins, conformement aux réglementations en vigueur.

Le Secrétaire de JADF dans le District est le

mwanditsi w'inama z'Inteko rusange n'iza Komite Nshingwabikorwa.

Igihe Umunyamabanga wa JADF ku Karere avuye muri uwo mwanya, atakaza kuba Umunyamabanga wa Komite Nshingwabikorwa ya JADF.

**Ingingo ya 13: Inshingano z'Ubunyamabanga bwa JADF ku Karere**

Imicungire n'ikurikiranabikorwa bya buri munsi bya JADF bishinzwe Ubunyamabanga bwayo.

Ubunyamabanga bwa JADF ku Karere bufite inshingano zikurikira:

1° kwakira no gusuzuma gahunda z'ibikorwa bya buri mufatanyabikorwa muri JADF hagamijwe ko izo gahunda zigira ikerekezo kimwe na Gahunda y'Iterambere ry'Akarere;

2° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'ibikorwa bya JADF;

3° gufasha Komite Nshingwabikorwa ya JADF mu itegurwa ry'inama za JADF;

4° kwandika no kuvugurura urutonde rw'abafatanyabikorwa ba JADF;

of the General assembly and Executive Committee meetings.

In case the District JADF Secretary leaves the position, he/she ceases being the Secretary to JADF Executive Committee.

**Article 13: Responsibilities of District JADF Secretariat**

The day-to- day management and monitoring of JADF operations are carried out by its Secretariat.

JADF Secretariat at the District level have athe following responsibilities:

1° to receive and examine individual JADF Stakeholder's action plans to ensure they are aligned to District Development Plan;

2° to monitor the implementation of JADF activities;

3° to work with JADF Executive Committee in organizing meetings of JADF;

4° to register and update the data base of JADF stakeholders;

rapporteur des réunions de l'Assemblée générale et celles du Comité Executif.

Au ca où le Secrétaire de JADF dans le District quitte ce poste, il cesse d'exercer la fonction de Secrétaire du Comité Exécutif de JADF.

**Article 13: Attributions du Secrétariat de JADF dans le District**

La gestion et le suivi des activités quotidiennes de JADF sont assurés par son Secrétariat.

Le Secrétariat de JADF au niveau du District a les attributions suivantes:

1° recevoir et examiner les plans d'actions des partenaires de JADF pour s'assurer qu'ils sont en conformité avec le Plan de Développement du District;

2° faire le suivi de la mise en œuvre des activités de JADF;

3° assister le Comité Exécutif de JADF dans l'organisation des réunions de JADF;

4° assurer l'inscription et la revue regulière de la base de données des partenaires de JADF;

5° gutegura ibikorwa by'ubukangurambaga bigamije kumenyekanisha ibikorwa bya JADF;

6° gutegura raporo z'ibikorwa n'iz'umutungo zigatangwa ku gihe;

7° gukorana n'Akarere mu gutegura imishinga kugira ngo ishyikirizwe abaterankunga bayishakire amafaranga;

8° gukora indi mirimo ijyanye n'inshingano za JADF yasabwa na Komite Nshingwabikorwa cyangwa n'Inteko Rusange.

## UMUTWE WA IV: IBIKORWA BYA JADF KU RWEGO RW'UMURENGE

### Article 14: Ibikorwa bya JADF ku rwego rw'Umurenge

Ibikorwa bya JADF ku rwego rw'umurenge bikurikiranwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge. Ashinzwe by'umwihariko :

1° korohereza abafatanyabikorwa bakenera serivisi zinyuranye ku rwego rw'Umurenge;

2° gukurikirana ibikorwa bya JADF mu Murenge;

5° to organize awareness campaigns to inform the public about JADF activities;

6° to prepare and submit timely activity and financial reports;

7° to work with the District authorities in preparation of projects to be submitted to partners for funding;

8° t o perform any other duties assigned by Executive Committee or General Assembly relating to JADF responsibilities.

## CHAPTER IV: ACTIVITIES OF JADF AT SECTOR LEVEL

### Article 14: Activities of JADF at Sector level

JADF activities at Sector level are overseen by the Sector Executive Secretary. He/she is particularly responsible for the following:

1° to facilitate stakeholders seeking different services at Sector level;

2° to monitor JADF operations at Sector level;

5° organiser les campagnes de sensibilisation pour informer le public sur les activités de JADF;

6° préparer et soumettre à temps les rapports d'activités et les rapports financiers;

7° préparer et élaborer, en collaboration avec le District, des projets à soumettre aux partenaires pour financement;

8° remplir toutes autres tâches relatives à JADF lui assignées par le Comité Exécutif ou par l'Assemblée Générale.

## CHAPITRE IV: ACTIVITES DE JADF AU NIVEAU DES SECTEURS

### Article 14: Activités de JADF au niveau des Secteurs

Les activités de JADF au niveau du Secteur sont supervisées par le Secrétaire exécutif du secteur. Il est particulièrement chargé de ce qui suit :

1° faciliter la fourniture des services dont les partenairs au niveau du Secteur ont besoin;

2° assurer le suivi des activités de JADF au niveau du Secteur ;

3° gutanga raporo ku bikorwa bya JADF mu Murenge.

**UMUTWE WA V: IMIKORERE Y'INZEGO ZA JADF**

**Icyiciro cya mbere: Imikorere y'Inteko Rusange**

**Ingingo ya 15: Inama z'Inteko Rusange**

Inama zisanzwe z'Inteko Rusange ya JADF zitumizwa kabiri mu mwaka. Icyakora Inteko Rusange ishobora guterana mu nama idasanzwe igihe bibaye ngombwa, ariko bitarenze inshuro ebyiri mu mwaka.

Buri munyamuryango yitabira inama z'Inteko Rusange, ariko iyo atabashije kwitabira inama kubera impamvu, abimenyesha uwatumije inama nibura umunsi umwe (1) mu nyandiko mbere y'umunsi w'inama. Usibye abagize Komite Nshingwabikorwa badahagararirwa, abandi bagize Inteko Rusange, bashobora guhagararirwa n'undi muyobozi ufite ububasha bwo gufata ibyemezo iyo batabashije kwitabira inama.

**Ingingo ya 16: Umubare wa ngombwa kugira ngo Inteko Rusange iterane**

Kugira ngo inama y'Inteko Rusange ya JADF iterane mu buryo bwemewe n'amategeko, hagomba kuba hari nibura bibiri bya gatatu

3° to report JADF operations at Sector level;

**CHAPTER V: FUNCTIONING OF JADF ORGANS**

**Section One: Functioning of the General Assembly**

**Article 15: Meetings of the General Assembly**

The ordinary meetings of JADF General Assembly shall be convened twice a year. However, General Assembly extra-ordinary meetings can be convened when deemed necessary but shall not exceed two meetings in a year.

Every member attends meetings of the General Assembly, and in case of absence, he/she shall communicate in writing to the Chairperson within at least one (1) day before the meeting is held. Except the Executive Committee member, other General Assembly members can appoint a senior representative to the meeting in case of the absence.

**Article 16: Quorum for General Assembly meetings**

The General Assembly of JADF legitimately convenes when at least two third (2/3) of members of JADF are present. In case the

3° donner rapport sur les operations de JADF au niveau du Secteur.

**CHAPITRE V: FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE JADF**

**Section première: Fonctionnement de l'Assemblée Générale**

**Article 15: Réunions de l'Assemblée Générale**

Les réunions ordinaires de l'Assemblée Générale de JADF se tiennent deux fois par an. Cependant, des réunions extraordinaires de l'Assemblée Générale peuvent être convoquées en cas de besoin mais ne peuvent dépasser deux réunions dans une année.

Chaque membre doit participer aux réunions de l'Assemblée Générale, mais en cas d`empêchement, il en informe le Président par écrit au moins un (1) jour avant la tenue de la réunion. A l'exception des membres du Comité Exécutif, les autres membres de l'Assemblée Générale peuvent se faire représenter par un délégué de haut niveau en cas d'absence ;

**Article 16: Quorum pour les réunions de l'Assemblée Générale**

L'Assemblée Générale de JADF se réunit valablement lorsque deux tiers (2/3) des membres de JADF sont présents. Faute du

(2/3) by'abagize JADF. Iyo umubare wa ngombwa utabonetse, inama irasubikwa igakorwa mu gihe cy'iminsi icumi (10) ikurikiraho kandi ibyemezo bifashwe bigira agaciro hatitawe ku mubare w'abayitabiriye.

**Ingingo ya 17: Ifatwa ry'ibyemezo**

Inteko Rusange ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama. Iyo bidashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abari mu nama.

Imyanzuro yafashwe n'Inteko Rusange ya JADF y'Akarere ishyikirizwa Inama Njyanama y'Akarere kugira ngo imenyeshwe ibyemejwe kandi ifate ingamba ku cyakorwa.

**Ingingo ya 18: Ishyirwaho rya Komite zihariye za JADF**

Inteko Rusange ya JADF ishyiraho Komite zihariye ku rwego rw'Akarere kugira ngo zifashe mu igenamigambi, mu gukurikirana no mu gusuzuma ibikorwa bya JADF. Komite zishyirwaho hakurikijwe ibikorwa byihariye bikeneye ko abafatanyabikorwa bagiramo uruhare.

quorum is not attained, the meeting shall be postponed and convened later within the next ten (10) days and the resolutions taken are binding irrespective of the members present.

**Article 17: Taking decisions**

The General Assembly shall take decisions by consensus of its members present. Failures to reach the consensus, decisions are taken by absolute majority of votes cast by its members present.

The resolutions adopted by the District JADF General Assembly are submitted to the District Council for information, consideration and decision making.

**Article 18: Setting up JADF thematic Commissions**

JADF General Assembly sets up thematic Commissions at the District level for planning, monitoring and evaluation of JADF activities. The Commissions are based on specific activities requiring intervention of stekeholders.

quorum requis, la réunion est reportée pour se tenir dans les dix (10) jours qui suivent et les décisions prises sont valables quel que soit le nombre des membres présents.

**Article 17: Prise de décisions**

L'Assemblée Générale prend ses décisions par consensus des membres présents. A défaut du consensus, les décisions sont prises à la majorité absolue des membres présents.

Les résolutions issues des assemblées générales de JADF du District sont soumises au Conseil du District pour information, considération et prise de decisions.

**Article 18: Mise en place des Comités thématiques de JADF**

L'Assemblée Générale de JADF met en place les Comités thématiques au niveau du District pour aider dans la planification, le suivi et l`évaluation des activités de JADF. Ces Comités sont mis en place suivant des activités spécifiques qui demandent l'intervention des partenaires.

**Icyiciro cya 2: Imikorere ya Komite Nshingwabikorwa**

**Ingingo ya 19: Inama za Komite Nshingwabikorwa**

Inama ya Komite Nshingwabikorwa iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa. Inama itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida, kandi ibyemezo bifatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abari mu nama.

**Ingingo ya 20: Itangwa rya gahunda y'ibikorwa, ingengo y'imari na raporo**

Buri munyamuryango wa JADF ashyikiriza Komite Nshingwabikorwa gahunda y'ibikorwa by'umwaka, ingengo y'imari hamwe na raporo y'igihembwe y'uko ibikorwa bihagaze.

Gahunda z'ibikorwa by'abanyamuryango ba JADF zigomba kwita ku bigamijwe kugerwaho mu Igenamigambi ry'Iterambere ry'Akarere.

**Ingingo ya 21: Raporo ku bikorwa n'imikoreshereze y'Umutungo bya JADF**

Perezida wa JADF mu Karere atanga raporo y'ibikorwa bya JADF buri gihembwe ku Kigo cy'Igihugu gishinzwe Imiyoborere (RGB) nk'urwego rushinzwe ihuzabikorwa bya JADF

**Section 2: Functioning of the Executive Committee**

**Article 19: Meetings of the Executive Committee**

The Executive Committee meeting is convened quarterly and whenever it is considered necessary. It is convened and Chaired by the Chairperson, and the decisions are taken by consensus. Failure to reach the consensus, decisions are taken by absolute majority of votes cast by its members present.

**Article 20: Submission of action plan, budget and report**

Every member of JADF submits to the Executive Committee the annual action plan, budget and quarterly progress report.

Action Plans for JADF members shall take into consideration targets of the District Development Plan.

**Article 21: Reports on JADFactivities and of finances**

The Chairperson of JADF at District level submits quarterly reports of JADF activities to the Rwanda Governance Board (RGB) as national JADF coordination institution; and the

**Section 2: Fonctionnement du Comité Exécutif**

**Article 19: Réunions du Comité Exécutif**

La réunion du Comité Exécutif se tient trimestriellement et chaque fois que de besoin. Elle est convoquée et présidée par le Président et les décisions sont prises par consensus. A défaut du consensus, les décisions sont prises à la majorité absolue des membres présents.

**Article 20: Soumission du plan d'actions, du budget et du rapport**

Chaque membre de JADF soumet au Comité Exécutif, son plan d'action annuel, son budget ainsi que le rapport trimestriel sur l'état d'avancement de ses activités.

Les plans d'actions des membres de JADF doivent prendre en considération les objectifs du Plan de Développement du District.

**Article 21: Rapports d'activités et financiers de JADF**

Le Président de JADF au niveau du District soumet trimestriellement les rapports d'activités de JADF à l'Office Rwandais de la Gouvernance (RGB) en tant qu'institution en

ku rwego rw'Igihugu, hakurikijwe gahunda y'ibikorwa by'umwaka yemeranijweho.

**<u>Icyiciro cya 3</u>: Ubunyamabanga bwa JADF ku Karere**

**<u>Article 22</u>: Imikorere y'Ubunyamabanga**

Ubunyamabanga bwa JADF bukorera ku rwego rw'Akarere mu nyubako z'ubuyobozi bwako.

Ubunyamabanga bwa JADF ku Karere bushobora kunganirwa n'impuguke mu rwego rwo kugira ngo busohoze neza inshingano zabwo mu gihe bibaye ngombwa.

Umunyamabanga wa JADF ahembwa amafaranga ava ku ngengo y'imari y'Akarere.

Usibye Umunyamabanga wa JADF ku Karere, abandi bose bari mu nzego za JADF ni abakorerabushake. Icyakora bashobora koroherezwa mu kazi bakorera JADF mu gihe bibaye ngombwa.

reports reflect the agreed annual action plan.

**<u>Section 3</u>: District JADF Secretariat**

**<u>Article 22</u>: Functioning of the Secretariat**

District JADF Secretariat shall operate at the District level within District Administrative premises.

District JADF Secretariat may be assisted by experts to fulfil their mandate when deemed necessary.

Salaries and wages of the District JADF Secretary are paid from District Budget.

Except for the District JADF Secretary, any other actor in JADF organs is considered as a volunteer. However, they may be facilitated in JADF related operations where considered necessary.

charge de la coordination nationale de JADF; et ces rapports refletent le plan d'actions annuel consenti.

**<u>Section 3</u>: Secrétariat de JADF au niveau District**

**<u>Article 22</u>: Fonctionnement du Secrétariat**

Le Secrétariat de JADF opère au siège du District dans ses bâtiments administratifs.

Pour s'acquitter convenablement de ses responsabilités, le secrétariat de JADF peut être assisté par des experts en cas de besoin;

Le Secrétaire de district de JADF obtient un salaire provenant du budget de fonctionnement du District;

A l'exception du secrétaire de district de JADF, les autres acteurs au sein des organes de JADF travaillent comme bénévoles. Cependant, ils peuvent être facilitées dans les opérations de JADF en cas de nécessite.

**UMUTWE WA VI: IHUZABIKORWA RYA JADF KU RWEGO RW'IGIHUGU**

**Icyiciro cya mbere: Urwego rushinzwe ihuzabikorwa rya JADF n'inshingano zarwo**

**Ingingo ya 23: Urwego rushinzwe ihuzabikorwa bya JADF**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiyoborere (RGB) ni rwo rwego rushinzwe guhuza ibikorwa bya JADF ku rwego rw'Igihugu, yifashishije Inama nyunguranabitekerezo y'abafatanyabikorwa n'ubunyamabanga bwa JADF ku rwego rw'igihugu;

**Ingingo ya 24: Inshingano za RGB mu ihuzabikorwa rya JADF**

Mu ihuzabikorwa rya JADF, RGB ifite inshingano zikurikira:

1° kugena imiterere n'imikorere by'ubunyamabanga bwihariye bushinzwe ihuzabikorwa rya JADF ku rwego rw'Igihugu;

2° kuyobora inama y'Inama Nyunguranabitekerezo y'Abafatanyabikorwa ba JADF ku rwego rw'Igihugu;

3° kuyobora ihuzabikorwa bya JADF ku rwego rw'Igihugu;

**CHAPTER VI: JADF COORDINATION AT NATIONAL LEVEL**

**Section One: Institution in charge of coordination of JADF activities and its responsibilities**

**Article 23: Institution in charge of coordination of JADF activities**

The Rwanda Governance Board (RGB) is the institution in charge of coordination of JADF activities at national level, through tstakeholders consultative Forum and National JADF coordination secretariat.

**Article 24: Responsibilities of RGB in coordinating JADF activities**

In coordination of JADF activities, RGB has the following responsibilies:

1° to determine the structure and functioning of National JADF Coordination Secretariat;

2° to chair meetings of JADF Stakeholders Consultative Forum at national level;

3° to spearhead the coordination of JADF activities at national level;

**CHAPITRE VI: COORDINATION DE JADF AU NIVEAU NATIONAL**

**Section première : Institution chargée de la coordination des activités de JADF et ses attributions**

**Article 23: Institution chargée de la coordination des activités de JADF**

L'Office Rwandais de la Gouvernance (RGB) est l'institution chargée de la coordination des activités de JADF au niveau national, à travers le Forum de concertation des partenaires et le Secretariat de coordination nationale de JADF.

**Article 24: Attributions de RGB dans la coordination des activités de JADF**

Dans la coordination des activités de JADF, RGB a les attributions suivantes:

1° décider de la structure et du fonctionnement du secrétariat de coordination de JADF au niveau national;

2° présider les réunions du Forum de Concertation des Partenaires de JADF au niveau national ;

3° superviser la coordination des activités de JADF au niveau national ;

4° gutanga inama ku ifatwa ry'ibyemezo mu nzego za JADF;

5° gutegura igenamigambi ry'iterambere rya JADF ku rwego rw'Igihugu;

6° kunoza ingamba zigamije kongera umutungo ukoreshwa muri JADF;

7° gukurikirana no gusuzuma ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za JADF;

8° kubaka no kongerera ubushobozi abagize inzego za JADF;

9° gukora icyegeranyo cya raporo z'ibikorwa n'iz'ikoreshwa ry'umutungo bya JADF buri mwaka;

10° gukora ubushakashatsi no gusakaza ubumenyi ku bikorwa by'indashyikirwa bya JADF;

11° gukora imirimo ijyanye n'ubunyamabanga bw'inama z'Inama ya JADF ku rwego rw'Igihugu.

4° to give advice on decision making in JADF structures;

5° to develop JADF strategic plan at national level;

6° to enhance JADF resource mobilization strategies;

7° to monitor and evaluate the implementation of JADF action plans;

8° develop and strengthen capacities for JADF actors;

9° to consolidate both JADF narrative and financial reports on annual basis.

10° to document and disseminate JADF best practices;

11° to execute secretarial duties for JADF National Steering Committee meetings.

4° prodiguer des conseils relatifs à la prise des décisions à travers la structure de JADF ;

5° développer le plan strategique de JADF au niveau national;

6° renforcer les strategies de mobilisation des ressources de JADF;

7° assurer le suivi et évaluation des plans d'actions de JADF ;

8° développer et renforcer les capacités des acteurs de JADF;

9° compiler les rapports narratifs et financiers annuels de JADF;

10° documenter et disseminer les meilleurs pratiques de JADF ;

11° assurer le secrétariat du Comité de Pilotage de JADF au niveau national.

**Icyiciro cya 2: Inama Nyunguranabitekerezo y'Abafatanyabikorwa ba JADF ku rwego rw'Igihugu, inshingano zayo n'imikorere yayo**

**Ingingo ya 25 : Inama Nyunguranabitekerezo y'abafatanyabikorwa ba JADF**

Inama Nyunguranabitekerezo y'Abafatanyabikorwa ba JADF ni Inama ihuriza hamwe abafatanyabikorwa ba JADF ku rwego rw'Igihugu mu rwego rwo gukurikirana no guhuriza hamwe ibikorwa bya JADF hagamijwe kujya inama ku cyarushaho kuyiteza imbere.

**Ingingo ya 26: Inshingano z'Inama Nyunguranabitekerezo y'Abafatanyabikorwa ba JADF**

Inama nyunguranabitekerezo y'Abafatanyabikorwa ba JADF ku rwego rw'Igihugu ifite inshingano zikurikira:

1° gutanga ingingo zashyirwa ku murongo w'ibyigwa n'Inama ya JADF ku rwego rw' Igihugu;

2° gukemura ibibazo by'imikorere n' imikoranire byagaragaye ntibibonerwe ibisubizo muri JADF z'Uturere;

**Section 2: JADF Stakeholders Consultative Forum at national level, its responsilities and functioning**

**Article 25: JADF Stakeholders Consultative Forum**

JADF Stakeholders Consultative Forum is a platform that brings together JADF stakeholders at national level in an effort to review and develop synergies of JADF through a coordinated dialogue on strengthening JADF for greater impact.

**Article 26: Responsabilities of JADF Stekeholders Consultative Forum**

JADF Stakeholders Consultative Forum at national has the following responsibilities:

1° to propose items on the agenda of JADF meeting at national level;

2° to resolve all pending relational issues that were not addressed by JADF at District level;

**Section 2: Forum de Concertation des Partenaires de JADF au niveau national, ses attributions et son fonctionement**

**Article 25: Forum de Concertation des Partenaires de JADF**

Le Forum de Concertation des Partenaires de JADF est une plateforme qui réunit ensemble les partenaires de JADF au niveau national pour une revue des resultats collectifs de JADF en vue de developper les synergies de JADF à travers la coordination d'un dialogue sur le renforcement de JADF pour améliorer son impact.

**Article 26: Attributions du Forum de Concertation des Partenaires de JADF**

Le Forum de Concertation des Partenaires de JADF au niveau national a les attributions suivantes:

1° proposer l'ordre du jour des réunions JADF au niveau national;

2° traiter des questions relationnelles non résolues au niveau des JADF des Districts ;

3° guhanahana amakuru ku byagirira akamaro JADF;

4° gusuzuma uko ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi rya JADF ryitabwaho mu Turere;

5° kungurana ibitekerezo ku buryo bwo guhuza imbaraga mu kubaka ubushobozi bwa JADF.

**Ingingo ya 27: Abagize z'Inama Nyunguranabitekerezo y'Abafatanyabikorwa ba JADF**

Inama Nyunguranabitekerezo y'Abafatanyabikorwa ba JADF igizwe n'aba bakurikira :

1° Umuyobozi Mukuru wa RGB akaba na Perezida wayo;

2° Uhagarariye Abafatanyabikorwa mu iterambere batera inkunga JADF, akaba n'Umuyobozi Wungirije;

3° Umunyamabanga Mukuru w'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali (RALGA);

4° Perezida wa JADF ku rwego rw'Akarere;

3° information sharing pertaining to JADF Strengthening;

4° to benchmark how different Districts are supporting the implementation of their JADF action plans;

5° to exchange views on building synergies for JADF institutional capacity enhancement.

**Article 27: Composition of JADF Stakeholders Consultative Forum**

JADF Stakeholders Consultative Forum is composed of following:

1° Chief Executive Officer of RGB, Chairperson;

2° representative of development stakeholders supporting JADF, Deputy Chairpeson;

3° Secretary General of Rwandese Association of Local Government Authorities (RALGA).

4° JADF Chairperson at District level;

3° échange d'informations sur les sujets utiles au renforcement de JADF ;

4° repérer et évaluer comment les différents Districts soutiennent la mise en œuvre des plan d'action de leur JADF;

5° discuter les stratégies de développement des synergies en matière de renforcement de la capacité institutionelle de JADF.

**Article 27: Composition du Forum de Concertation des Partenaires de JADF**

Le Forum de Concertation des Partenaires de JADF au niveau national est composé des membres ci-après:

1° le Directeur Général en Chef de RGB; President ;

2° le représentant des partenaires au développement appuyant JADF, Vice-Président;

3° le Sécretaire général de de l'Association Rwandaise des Gouvernements Locaux (RALGA);

4° le Président de JADF au Niveau du District ;

5° uhagarariye Urugaga rw'imiryango nyarwanda ya Sosiyete Sivile;

6° uhagarariye urugaga rw'Imiryango mvamahanga itari iya Leta ku rwego rw'Igihugu;

7° uhangarariye urugaga rw'Abikorera ku rwego rw'Igihugu;

8° abahagarariye Ingaga z'Imiryango ishingiye ku madini zikora ku rwego rw' Igihugu ibikorwa by'amajyambere rusange;

9° uhagarariye Ihuriro ry'Amakoperative ku rwego rw' Igihugu;

10° Umuhuzabikorwa wa JADF ku rwego rw'Igihugu akaba n'umwanditsi ;

11° undi wese bigaragaye ko ari ngombwa.

**<u>Ingingo ya 28</u> : Inama z'Inama Nyunguranabitekerezo y'Abafatanyabikorwa ba JADF**

Inama Nyunguranabitekerezo y'Abafatanyabikorwa ba JADF itumizwa ikanayoborwa n'Umuyobozi Mukuru wa RGB. Iterana nibura rimwe mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa.

5° representative of the Civil Society Platform;

6° representative of International Non Governmental organization at national level;

7° representative of Private Sector Federation at national level;

8° representatives of Umbrellas of Religious-Based Organizations at National Level operating in community development area;

9° representative of the National Union of Cooperatives at national level;

10° National Coordinator of JADF, Rapporteur,

11° any other person considered necessary.

**<u>Article 28</u>: Meetings of JADF Stakeholders Consultative Forum**

JADF Stakeholders Consultative Forum is called and chaired by the Chief Executive Officer of RGB. It is convened at least once a year or any time deemed necessary.

5° le représentant de la plateforme de la Société Civile ;

6° le représentant du Forum des Organisatin internationales Non Gouvernementale au niveau national;

7° le Représentant de la Fédération du Secteur Privé au niveau national;

8° les représentants des Plateformes des organisations fondées sur la religion operationnelles au niveau national opérant dans le domaine du developpement communautaire;

9° le représentant de la Confédération Nationale des Coopératives au niveau national;

